


DECISION No. 742/5.9.95... DU. 27.1.87... ACCORDANT DES PRETS POUR CONSTRUCTION
 AUX AGENTS SOUS-STATUT DU MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Il est accordé aux agents dont les noms sont repris au tableau ci-dessous un prêt dont le montant figure dans la colonne 5, remboursable dans le délai indiqué dans la colonne 6.

Mle	NOMS et Prénoms	Grade	Affectation	Montant accordé	Délai de remboursement
9151	KAYOBOKE Ferdinand	Directeur	Secrétariat Général	450.000	96 mensualités
7339	MUKAVITPALI Marie Claire	Agent Ppl 2e cl	"	200.000	"
8306	MUKANZIGIYE Félicité	Agent Ppl 1e cl	DG JEUNESSE	200.000	"
7695	NJANGWE Philippe	Directeur	DG Sports et Loisirs	400.000	"
10390	NYIRAMAJORO Espérance	Rédacteur Adjoint	"	200.000	"
4781	NYIRADENDE Suzanne	Rédacteur Ppal	DG MOCOOP	200.000	"
7963	NYUYENUKAGA Constantine	Rédacteur	"	200.000	"
TOTAL				1.850.000	


Le Ministre de la Jeunesse
 et du Mouvement Coopératif
 NDINDILYIMANA Augustin
 Lt Col BEM.



VTSA DU
 BUDGET-CONTROLE

Imputation : Budget pour Ordre : 30.004
 Kigali, le 03 JUIL 1987

Le Ministre des Finances
 et de l'Economie,
 Vincent RUHAMANYA



- Destination des exemplaires
- Original et 2 copie : Ordonnancement
 - 1 copie : Service payeur
 - 1 copie : Ministère intéressé
 - 1 copie : Budget-Contrôle
 - 1 copie : Classement.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YABAYE KUWA GATANU
TALIKI 11 GASHYANTARE 1983.

I. ABALI MU NAMA:

1. MUGABO Pie, Umuyobozi w'inama
2. ZIBUKIRA Thassien
3. RWAGAHUNGU Félicien
4. RUMONGI Emmanuel
5. HABİYAREMYE Adrien
6. HAKIZIMANA Ezéchias, Umwanditsi w'inama

II. ABALI BABUZE:

1. NKUNDIMFURA Chéraf

III. IBYAGOMBAGA KWIGWA:

1. Kwemeza umunsi wa Animation
2. Kurebera hamwe ibibazo rusange. (Problèmes d'ordre général)

IV. UKO IBYALI KU MURONGO W'IBYIGWA BYIZWE:

A. Animation na Sport

Abali mu nama bashimishijwe n'ukuntu animation itera imbere cyane cyane kuva aho inama yo kuwa 21 Mutarama 1983 ivugurura animation ibereye.

Ku byerekeye Sport, MUGABO Pie, Ushinzwe sport yabajije Directeur wa Collège du Christ-Roi, asanga ibibuga byaho biba disponibles sauf mercredi kuko abanyeshuli baba babikiniraho.

Naho umunsi ushobora kuboneka wo gukiniraho Football kuli stade, twasanze ali kuwa Gatanu.

ZIBUKIRA Thassien yavuze ko asanga ibyiza ali uko animation yaguma mercredi kuko bituma abantu baruhuka au milieu de la semaine, naho wenda sports zikaba zashyirwa vendredi mu cyumweru cyazo kuko haliho alternance: icyumweru kimwe hakaba folklore ikindi hakaba sports.

HABIYAREMYE Adrien yavuze ko animation itabereyeho kuruhura abantu ko igamije guhura abantu no kubakangulira ibikorwa by'amajyambere. Ntibyatuma lero itakorwa umunsi uwo aliwo wose inama yakwemeza.

.../...

RWAGAHUNGU Félicien avuga ko nawe ashyigikiye uwo munsi wa vendredi ndetse abali mu nama bose bemeza uwo munsi ngo abe aliwo ujya ukorwaho animation (Animation na Sport). ZIBUKIRA Thassien nawe ahita avuga ko yemeye igitekerezo cya benshi. ("Je me rallie à l'idée de la majorité").

B. IBIBAZO RUSANGE (Divers).

MUGABO Pie: Yavuze ko ingorane dufite ali iy'ikibuga cya Basket kuko dukulikije dimensions zacyo (26mX14m) dusanga ntaho twagikora.

Abali mu nama bemeje ko twaba dukinira hamwe (même endroit) basket na volley ku ibyo bibuga dutira kuli Collège Christ-Roi, mu gihe dutegereje kuzabona aho duharura ikibuga cya Basket. Abali mu nama banasabye ko dukwiliye kwiharulira n'ikibuga cya volley-ball (dim.: 24mX15m).

Abali mu nama bashinze HABIYAREMYE Adrien, uzaba ali muli konji mu minsi itaha gushaka udupira two kuzajya dukinana muli sport ndetse no muli animation, noneho ba capitaines b'amakipi abili y'umupira bamara kumenya igiciro cy'utwo dupira, bakemeza amabara (couleurs) buli équipe izambara, bakazaka abali mu makipi yabo amafanga bakabagulira utwo dupira.

MUGABO Pie: yavuze ko conseiller NTIRUSHIZE Dismas yamubwiye ko hali abanga gukina ali muli animation, ali no muli sport.

Abali munama bavuze ko basanze uwanze gukina umupira ali KALIMIRI Aloys ndetse ZIBUKIRA Thassien anavugaga ko uwo KALIMIRI Aloys yanze no kubyina muli animation yo kuwa 9 Gashyantare 1983. Abali mu nama basaba ko KALIMIRI yali akwiliye kwisubiraho akajya akina kimwe n'abandi, kuko bitabaye ibyo byatuma haba umwuka mubi muli cellule.

C. IBIBAZO

1) ZIBUKIRA Thassien: Hali inama yakozwe samedi, le 29/1/1983 iyobowe na Prezida w'Urukiko rw'Imali. Nkaba ntali nyilimo kandi nkaba ubu ntazi ibyayivugiwemo kuko nta nyandiko-mvugo y'iyi nama ihali.

MUGABO Pie: Prezida w'Urukiko rw'Imali yabwiye MUKURALINDA ko aliwe uzakora inyandiko-mvugo y'iyi nama, none ubwo MUKURALINDA adahali, je trouve qu'en principe le secrétariat devrait s'en occuper.

2) MUGABO Pie: Mu nama ishize twali twavuze ko hagomba kugurwa imiduli n'amakembe. icyo kibazo kigeze he?

HABIYAREMYE Adrien: Nzabaza abo muli ballet national bazaza vuba aha, mbabaze niba batubonera iyo miduli n'amacyembe, nzabaha igisubizo.

3) HAKIZIMANA Ezéchias:

Mudutumira mu nama nk'izi mutabanje kutumenyesha ibili ku murongo w'ibyigwa, ibyo lero bituma tuza mu nama tutateguye ibibazo, cyangwa se na bagenzi bacu batadutumye ibibazo bafite ku ngingo iyi n'iyi.


MUGABO Pie: Byaterwaga n'uko hali dans les débuts, none ubutaha muzajya mubona ordre du jour 2 ou 3 jours mbere y'uko inama iba, namwe muyigeze kuli vos collègues pour des questions éventuelles.

Abali mu nama basabye MUGABO Pie kuzongera kubasabira Prezida w'Urukiko rw'Imali kuzabasabira matériel na équipement ya sport na Animation nkuko yali yarabitwemereye.

Bigeze saa kumi n'igice (16h30') abali mu nama barasohotse bajya hanze kureba aho bazaharura ibibuga bya volley na basket. Baje gusanga inyuma y'inzu y'Urukiko rw'Imali ibyo bibuga bishobora kuhajya byombi, ibikoresho bya ngombwa biramutse bibonetse.

Inama yali yatangiye saa Kumi yarangiye saa kumi n'imwe (17 heures).

Umwanditsi w'Inama
HAKIZIMANA Ezéchias



Umuyobozi w'Inama
MUGABO Pie



I. ABALI MU NAMA:

- 1. MUGABO Pie
- 2. ZIBUKIRA Thassien
- 3. RWAGAHUNGU Félicien
- 4. HAKIZIMANA Ezéchias, Umwanditsi
- 5. RUMONGI Emmanuel
- 6. HABİYAREMYE Adrien
- 7. MUKURALINDA Innocent

II. UMURONGO W'IBYIGWA:

- Kwiga uburyo bwo kuvugurura Animation
- Guteza imbere Sport
- Gukora Kalendari ya Animation

III. UKO IBYAGOMBAGA KWIGWA BYIZWE:

A. Animation

1^o Ijambo ry'ushinzwe animation:

Milita ZIBUKIRA Thassien, Umukuru ushinzwe icyiciro cya Animation yatangiye yibutsa imikino dusanganywe muli animation, ari yo :

- Indilimbo
- Ibinimba
- Imbyino
- Ibyivugo na za Slogans.

Yavuze ko iyo mikino dusanganywe tuzabanza kuyisubira mu kuwa gatatu taliki 26 Mutarama 1983 kugira ngo iducengere mu neza, mbere yuko twatangira kwiga indi mikino mishya.

Milita ZIBUKIRA yavuze ko mu byo dukora byose muli animation dukwiliye kwibanda ku mwaka w'Igiti ariyo ntego y'uuyu mwaka wa 1983, kuli Muvoma (M.R.N.D.), ku gusingiza Umukuru w'Igihugu, ndetse no ku muganda. Yagize ati: " Twilinde gusebanya muli animation, dukore slogans zihuje n'imigambi y'Amajyambere."

ZIBUKIRA yarangije asaba abali mu nama gushyira ho "Groupe-choc d'animation" itoza abandi kandi ikanabahuliza hamwe, ntihabeho gutatana muli animation, ari mu biga imikino, alimo mu bayigisha. Hahise hakulikiraho ibibazo mbere y'uko Milita Pie MUGABO ushinzwe icyiciro cya Sport afata ijamba.

2^o Ibibazo n'ibitekerezho:

*HAKIZIMANA Ezéchias: Kugira ngo abakozi babone uko bitegura animation, baze bayambaliye, nta kuntu ikigoroba cyo kuwa 3 cyose (Kuwa saa munani kugeza saa kumi n'imwe) cyahalirwa animation ngo abantu bajye bahita bajya muli animation batabanje kujya mu biro gukora isaha

imwe n'igice? Ko ibyo byatuma animation igira amasaha ahagije (atatu aho kuba imwe) kandi abakozi bakava mu rugo bambaye imyenda ya animation aho kuza bambaye iyo akazi?

Igisubizo: icyo ni ikibazo tugomba kugeza kuli Prezida w'Urukiko rw'Imali kuko aliwe wenyine wakibonera igisubizo

*RUMONGI Emmanuel: Twali dukwiliye gukora liste y'indilimbo dusanganywe tukazabona uko tuziga neza.

= Ubwo abali mu nama bavuze ko izo ndilimbo ali izi:

- Abatarutinya
- Urukiko rw'Imali
- Dutange umuganda
- Ibinimba (Byabaga bihagalikiwe na HABIYAREMYE na MUNYAZIBONEYE).
- Slogans: Izo slogans bavuga, kubera uyu mwaka zigomba kuba zerekeye k'Umwaka w'Igiti.

*RWAGAHUNGU Félicien: Ndabona twali dukwiye gushyiraho "Groupe de Conception" zizajya zihimba ibyo zizajya zigisha abandi, kandi izo Groupes ntizibe zigizwe natwe abagize iyi nama gusa kuko nubwo twatowe atali ukuvuga ko turusha abandi bagenzi bacu ubuhanga mu buhimbyi.

= Abali mu nama bahise bashyiraho izo Groupes, ali zo:

Indilimbo

- HAKIZIMANA Ezéchias
- RUBIBI
- NDAHERANWA A
- HABIYAREMYE A
- ZIBUKIRA
- NDABASONEYE
- RUMONGI
- HARELIMANA

Slogans

- MUGABO Pie
- ZIBUKIRA Th.
- NGIRIMANA M.
- NTIRUSHIZE D.
- KALIMILI A.
- NGILINSHUTI S.

Intore

- RUMONGI E.
- MUNYEZAMU P.
- RWAGAHUNGU F.
- HAKIZIMANA Emm.

Ibyivugo

- RWAGAHUNGU F.
- HAKIZIMANA Ez.
- MUNYEZAMU P.
- KANYAMUHANDA Siméon

*Isubiramo n'ibinimba
Habayaremye
Nkundimfura
Munyaziboneye
Ndaheranwa
Hariragaba
Harungi manna
Ngilinsuti*

*MUGABO Pie: Nagira ngo ntange igitekerezo cy'uko hagurwa ibicurangisho bya Gihanga (Instruments musicaux traditionnels) bidahenda, noneho tukajya tubikoresha muli animation. Nk'Umuduli n'Icyembe.

= Abali mu nama babanza kuvuga ko hataboneka abazi gucuranga umuduli Cyangwa icyembe, nibwo HABIYAREMYE, RUMONGI na RWAGAHUNGU bemeje ko bazi gucuranga umuduli, MUGABO Pie nawe ati nanjye nzi gucuranga icyembe. Ubwo hemezwa ko bazareba mu isanduku ya Animation bagakuramo amafranga yo kugura nk'ibyo bicurangisho bidahenze.

Ibyo bibazo birangiye ushinzwe Sport aliwe Pie MUGABO yafashe ijambo :

B. Sport

1° Ijambo ry'ushinzwe Sport:

Milita MUGABO avuga ko hazakinwa Football, Basketball, Volleyball ndetse tutibagiwe na Athlétisme.

a) Football: Mugabo ati: Nasanze Sport ikorwa n'abantu bake, abandi bakaba bagera ku bibuga bakihagaralira bakarebera. Dukwiliye gushakira hamwe uko abantu bose bajya bajya muli Sport. Ndetse nkaba nasabaga ko twakora amakipi abili ya cellule yacu, twaba twakinnye Football agahura ntitujye tugomba gutora abana dusanze mu kibuga ngo tube alibo dukina kandi hali abantu bacu bihagaraliye.

INAMA:

Inama ihita itoresha ayo makipe yombi, HAKIZIMANA Ezéchias na HABIYAREMYE Adrien baba abakuru b'ayo makipi bahita batora. Dore uko ayo makipi ameze :

HABIYAREMYE Adrien	!	HAKIZIMANA Ezéchias
1. NGILINSHUTI Straton	!	1. MAKABUZA J.M.Vianney
2. MANIRAGABA Jean de la Paix	!	2. NDABASONEYE Stanislas
3. HAKIZIMANA Emmanuel	!	3. NKUNDIMFURA Chéraf
4. KANAMUGIRE Célestin	!	4. MUNYEZAMU Pancras
5. MUGABO Pie	!	5. HARELIMANA Simon
6. RUBIBI Phénéas	!	6. RUMONGI Emmanuel
7. RWAGAHUNGU Félicien	!	7. HAVUGIMANA Philippe
8. NGIRABAKUNZI Evariste	!	8. NDAHERANWA Aloys
9. KANYAMUHANDA Siméon	!	9. GAHUTU Sylvain
10. NTIRUSHIZE Dismas	!	10. MUKURALINDA Innocent
11. KALIMILI Aloys	!	11. ZIBUKIRA Thassien
12. RUHARA Aloys	!	12. MUNYAZIBONEYE Innocent

b) Basketball: Basket izajya ikinirwa hamwe na Volley. Ikibazo gihali ni icy'ibibuga gusa, cyakora dukwiliye gukora ibyo bibuga hafi yacu, tukazajya tujya i Nyanza gukina Football gusa. Tugomba kandi gushaka matériel (filet na ballon bya Volley ball ndetse na Panneaux na filets bya Basketball).
Abali mu nama basaba ko twazasaba Prezida w'Urukiko rw'Imali kuzadushakira ibyo bikoresho muli MIJEUNESPORTS.

*HABIYAREMYE Adrien: Nta kuntu twazagura udupira tw'amabara adasa tuzajya twambara dukina Football, bityo tugatandukanya amakipi abili, tutagombye kujya dusaba ikipi imwe kwambura kandi haba hibereyemo n'abasaza ? Ndabona amafranga yo kugura iyo mipira yava mu y'umuganda.


Iqisubizo: Milita MUGABO ati sinzi uko ayo mafranga y'Umuganda angana cyakora ndabona ibyiza ari uko ba Capitaines bazabwira amakipi yabo bakigulira ku giti cyabo udupira dusa two gukinana. Naho ubundi amafranga y'Umuganda yo akora byinshi.

*MUGABO Pie: Nagira ngo rwose tuzakore uko dushoboye muli discipline, noneho nyuma tukazajya tugira des rencontres sportives. Ubundi kugira ngo tubone ibibuga, nagira ngo tuzasabe Prezida w'Urukiko rw'Imali ko twajya dukora Animation ku ku wundi munsu utali kuwa 3, bityo ntitujye tugongenira n'andi ma Cellules ku bibuga mu mwanya umwe.


Inama yali yatangiye saa cyenda yarangiye saa kumi n'iminota 56, abali mu nama bataha bishimiye ibitekerezo bishya bunguranye, banasaba ko byashyirwa mu bikorwa, animation ikagira umurego mushya.

ABAYOBOZI B'INAMA

- MUGABO Pie



- ZIBUKIRA Thassien



UMWANDITSI

HAKIZIMANA Ezéchias

